“Yesu Kristo ntahinduka, uko yar’ejo ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose” (Abaheburayo 3:18).

Urwandiko ruzenguruka Ukwezi kwa 12/ 2016

Ndaramutsa benedata ku isi yose mbivanye ku mutima mu Izina ryera kandi ry’agaciro ry’ Umwami wacu Yesu Kristo, nkoresheje amagambo yo mu 1Bakorinto 4:1-2:

“*Nuko rero abantu bajye badutekereza yuko turi abakozi ba Kristo, n’ibisonga byeguriwe ubwiru bw’Imana. Kandi ibisonga bishakwaho kuba abanyamurava*”. Uko ni ko Pawuro n’abandi bagaragu b’ukuri ba Kristo bimenyekanishije.

Mbega amahirwe yo gushyirwa n’Umwami ubwe mu murimo we (1Tim.1:12)! Mbega amahirwe yo gushobora gucunga ubwiru bw’Imana, bwabwirijwe mu bihe byashize binyuze mu bukozi bw’intumwa no mu bukozi bwa mwenedata Branham mur’iki gihe cyacu, none natwe tukaba twarabuhishuriwe n’Umwuka wera! Mbega Amahirwe yo gushobora kugeza ubu butumwa bwa nyuma ku mpera z’isi koko; kugira ngo buhamagarire bamwe gusohoka, naho abandi bubabere gihamya!

Mbere yo kugaruka kwa Kristo, ubutumwa nyamukuru ni ubu: “*Dore Umukwe araje, mujye kumusanganira!*” (Mat.25:1-13). Intumwa Yohana, uwahawe uguhishurirwa kw’iherezo ry’ibihe, yaranditse ati: “…*hahirwa abararikiwe ibirori by’ubukwe bw’Umwana w’Intama! Nuko arambwira ati: Aya magambo ni amagambo y’ukuri y’Imana*” (Ibyah.19:7-9). Amina.

Dore umugani uvuga rwose ibyo mu gihe cyacu: “*nuko ubwami bwo mu ijuru buzaba bumeze nk’abari cumi, bafashe amatabaza yabo bakajya gusanganira Umukwe*” (Mat.25:1).

Mur’uyu mugani, Umwami aravuga ubwe ko batanu mur’abo bari cumi, ni ukuvuga kimwe cya kabiri cy’abumvise uguhamagara kwa nyuma kw’Umukwe, ari bo bonyine biteguye kandi bakaba bazinjira mu cyumba cy’ubukwe.

Igihe Umukwe azaza gutwara abe, ni bwo iri Jambo rizasohora ngo: “*Abagabo babiri bazaba bari mu murima, umwe azatwarwa undi asigare; abagore babiri bazaba bari ku rusyo, umwe azatwarwa undi asigare*” (Mat.24:40-41). Umwe azazamurwa, undi asigare.

Abari cumi bagiye gusanganira Umukwe: batanu biteguriye kwinjira mu cyumba cy’ubukwe, naho abandi batanu bisanga inyuma y’urugi rukinze. Noneho ka twongere twumve iyi mpuguro idushishikaza: “*nuko mube maso, kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azaziraho*” (Mat.24:42); na none kandi ngo “*nuko namwe mwitegure, kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w’umuntu azaziramo*” (Mat.24:44).

Ntabwo tuz’umubare wabo, ariko dushingiye ku byo Umwami yavuze ubwe, kimwe cya kabiri cyonyine ni cyo kizakomeza kuba icyiringirwa kugeza ku iherezo maze cyinjire mu

igaburo ry'ubukwe. Nyamara, nk'uko Imana yabisezeranije Aburahamu (Itang.15:5-6; Itang.22:15-18), abacunguwe bo mu bisekuruza byose uhereye kuri Adamu, bazaba ar'abantu batabarika, kimwe n'inyenyeri zo mu kirere (Abaro 4:18).

Muri Matayo 24, tubwirwa ibizaba mbere yo kugaruka kwa Kristo. Haravugwa ko hazaba ibiza, n'intambara, n'imitingito y'isi, n'inzara, hakanavugwa ko hazaduka abiyita kristo n'abahanuzi b'ibinyoma. Ku bijyanye n'Ubutumwa Bwiza, handitswe ko: "*ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzabwirizwa ku isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ibe*" (Mat.24:14).

Ikimenyetso cyo mu gihe cyacu kigaragarira buri wese, ni ukugaruka kw'Isirayeri nk'igihugu nk'uko byavuzwe mu mugani w'igiti cy'umutini (Mat.24:32). Muri Ezekiyeri 11:17, Imana yasezeranije iti: "*Noneho uvuge uti: uku ni ko Umwami Uwiteka avuze ngo: nzabakoranya mbavane mu mahanga, kandi mbateranirize hamwe mbakuye mu bihugu aho mwari mwaratataniye*".

Ni yo mpamvu Umwami wacu yavuze muri Matayo 24:33 ati: "*Nuko namwe nimubona ibi byose, muzamenye yuko ari hafi, ndetse ageze ku rugi*".

Kandi ibintu bizaba bimeze ku isi nk'uko byari bimeze mu gihe cya Sodomu na Gomora no mu minsi ya Nowa (Mat.24; Mariko 13). Uburyo ibihe birimo bihinduka, n'ubwiyongere bw'ubushyuhe bw'umubumbe w'isi, ndetse n'imvura zidasanzwe ziterwa na byo, byose biratera abantu ubwoba, nk'uko byanditswe ngo: "*kandi no hasi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja n'umuraba bihorera*" (Luk.21:25b).

Ku bijyanye n'iby'umwuka, turibonera ugusohozwa kw'ibyanditswe muri Matayo 24:45-47. Ibyokurya by'umwuka bishingiye rwose ku nyigisho zo muri bibiliya, birimo biratangwa mu gihe cyabyo. "…*utunzwe n'amagambo yo kwizera n'inyigisho nziza wakurikije*" (1Tim.4:6). Umuntu watumwe n'Imana aba azi umunsi n'isaha yahamagariweho, kandi yitwararika rwose gusohoza ibyo yategetswe. Ariko umugaragu mubi (imirongo ya 48-51) we yishyiraho, nta murimo aba yarashinzwe, ni yo mpamvu nta n'ubwo ashobora guhamiriza umuhamagaro we. Ntabwo bishoboka ko haba urwijiji cyangwa uruvange. Nta gihe na kimwe umukozi nyakuri yigeze ahinduka uw'ikinyoma, kandi nta na rimwe umukozi wiringirwa yigeze ahinduka umukozi mubi. Ntabwo Mose yigeze ahinduka Balamu nta n'ubwo Abeli yigeze ahinduka Gahini.

Muri Matayo 25:1-13, haherako hakurikira umugani w'abari cumi. Ibyo byanditswe biriho biradusohoreraho, kugeza ku kuza kwa kabiri kwa Kristo. Abari b'abanyabwenge bafite amatabaza acanye kandi bafite n'amavuta mu mperezo zabo. Naho amatabaza y'abari b'abapfapfa yo, arimo arazima kubera kubura amavuta – umwuzuro w'Umwuka; kandi barabwirwa ngo: "Ahubwo nimujye mu bayacuruza muyigurire, mujye mu bavuga iby'Umwuka wera mu materaniro yabo". Abari b'abanyabwenge bo, nta kibahagarika umutima; nta kabuza bazinjira mu cyumba cy'ubukwe nk'umwali utunganye, maze urugi rukingwe. Kuri bo harasohora iri jambo ngo: "*Bene ibyo byiringiro ntibikoza isoni, kuko urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu ku bw'Umwuka wera twahawe*" (Abaroma 5:5).

Abapfu na bo bategereje kugaruka kwa Kristo no kuzamurwa, bazahamagara mu kumaramara kwabo bati: "*Mwami, Mwami, dukingurire*". "*Na we arabasubiza ati: ndababwira ukuri y'uko ntabazi*" (Mat.25:12).

Ku Mana yo nta ruvange rushoboka, haba mu ijuru, haba no mu isi. Buri mbuto yera bijyanye n'ubwoko bwayo. Ufite umutima uboneye, ni we wenyine uzabona Imana; abuzuye Umwuka w'isezerano (Ibyak.2:38…) kandi bashyizweho ikimenyetso cy'umwuka wera (Abef.1:13) ni bo bonyine bazinjira mu bwiza bw'Imana. "M*uri rwo, ntihazinjiramo ikintu gihumanye cyangwa ukora ibizira akabeshya, keretse abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama*" (Ibyahish.21:27).

Mu minsi yacu, kimwe no mu gihe cy'intumwa, ibi bintu byombi biriho: habanza Ijambo, hagakurikiraho insobanuro z'abantu: "… *kandi muri mw'ubwanyu hazaduka abantu bavuga ibigoramye kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo*" (Ibyak.20:30). Abari b'abapfu bazizera insobanuro z'abantu, mu gihe abari b'abanyabwenge bo bazumvira Ijambo ry'umwimerere ryonyine, baryizere kandi barigumemo.

Nta gushidikanya, nta n'umwe mu bigisha insobanuro z'ibinyoma uzazamurwa: "*ubahagarika imitima uw'ari we wese, azagibwaho n'urubanza rwe*" (Abagal.5:10b) – kandi n'abemera gushukwa n'insobanuro z'abantu na bo ntibazazamurwa, "*baretse inzira igororotse barayoba*" (2Pet.2:15).

Dusoma ku ntangiriro y'Ibyahishuwe ibikurikira: "***Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo, kuko igihe kiri bugufi***" (Ibyah.1:3). Ibitanditswe mu Ijambo ry'Imana byose ni insobanuro z'abantu, tudashobora kwizera nk'Umugeni–Jambo kandi tudashobora na hato kugumana.

Dore imburo ifatanije n'umugisha iboneka na none mu gice cya nyuma: "- *kandi dore ndaza vuba. – hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo!*" (Ibyah.22:7).

Nta kindi Umugeni ashobora kuvuga, keretse icyo Umwuka yahishuye mu Ijambo: "*Umwuka n'umugeni barahamagara bati: ngwino! Kandi uwumva nahamagare ati ngwino! Kandi ufite inyota naze, ushaka ajyane ku mazi y'ubugingo ku buntu*" (Ibyah.22:17).

Hakurikiraho imburi ya nyuma ivuga iti: "*Uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo, ndamuhamiriza nti:* ***nihagira umuntu uzongēra kuri yo****, Imana izamwongēraho ibyago byanditswe mur'iki gitabo*…"(umur.18).

Inyigisho zose bita ko ari uguhishurirwa kwihariye, zidahamirizwa na Bibiliya na gato, ni inyigisho z'ibiyoma, zongerewe ku buhamya bwuzuye bw'Imana. Ikitaravuzwe muri Bibiliya nta kuntu cyakwitwa icyo muri Bibiliya; ikitaranditswe mu nyandiko y'irage ry'Imana ntabwo gikomoka ku Mana. Pawuro yagombye kwandika mu gihe cye mu Bagalatiya 1:8 ati: "*Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, yaba twe, cyangwa marayika uvuye mu ijuru, avumwe*".

Umuntu wese wongēra icyo ari cyo cyose ku Ijambo ry'Imana aba yararozwe; aba abwiriza yesu wundi n'ubutumwa bundi, kandi aba yarashutswe (2Abakor.11:3).

Umwami ntazigera na rimwe abwira abigish'ibinyoma ngo: "*Nimuze mwe abahawe umugisha na Data*!". Ibyo ntibishoboka na hato, kuko Imana ari inyakuri; yatandukanije umucyo n'umwijima. Nk'uko nta gushidikanya ko Umwami yohereje umugaragu n'umuhanuzi we Branham, akaza azanye ubutumwa bushingiye kuri Bibiliya, na none nta gushidikanya ko twagaruwe ku Ijambo ry'Imana, iryari ho mbere na mbere, no ku Mana ubwayo. Twabwirijwe Ubutumwa butunganye rwose bwo mu Ijambo, ubugomba kubyara Umugeni-Jambo utunganye rwose. Abizera gusa ibyo Ibyanditswe bivuga kandi babyizera nk'uko byanditswe, nibo bari mu bāri b'abanyabwenge. Intore ntabwo zishobora gushukwa n'insobanuro n'imwe: ziri mu Ijambo kandi n'Ijambo riri muri zo. Arahirwa umuvugabutumwa ushobora kuvugisha ukuri ati: *iki ni cyo tubabwira tukibwirijwe n'Ijambo ry'Umwami wacu*… (1Abates.4:15a)!. Ikibwirizwa nk'iki ni cyo cyavugwa ngo: "*Ariko twebwe ho turi ab'Imana, kandi uzi Imana aratwumvira. Naho utar'uw'Imana ntatwumvira. Icyo ni cyo kitumenyesha Umwuka w'ukuri n'umwuka uyobya uw'ari wo*" (1Yoh.4:6). Amina! Amina!

Mu Mwuka no mu Kuri

UKU NI KO UWITEK'AVUGA: "*ariko igihe kiraje, ndetse kirasohoye, ubwo abasenga by'ukuri bazasengera Data mu Mwuka no mu kuri, kuko ben'abo ari bo Data ashaka ko bamusenga. Imana ni Umwuka, n'abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu Kuri"* (Yoh.4:23-24).

Uri mu kuri koko ni we wenyine ushobora kwezwa no kuramya Imana. Umwami ubwe yasabiye abe ati: "*ubejeshe ukuri, Ijambo ryawe ni ryo kuri*" (Yoh.17:17). Mwenedata Branham, mu kibwirizwa cye cyo kuwa 18/01/1965 yise "Imbuto y'umuvurungano", yatangiye asoma umugani w'imbuto ebyiri zinyuranye zabibwe (Mat.13:24-30). Ku mirongo ya 36-43, Umwami yasobanuriye abigishwa be uwo mugani. Imbuto nyakuri y'Imana ni abana b'ubwami, igereranywa n'imbuto y'ingano Umwami yabibye kandi azasarura akayishyira mu kigega cye (Mat.3:12; Mat.13:30). Imbuto y'umuvurungano, igereranywa n'urukungu, ikabibwa n'umwanzi. Mwenedata Branham yeretswe umubibyi wabibaga imbuto nziza yambaye imyenda y'imyeru; haherako haz'inyuma ye uwambaye imyenda yirabura abiba urukungu. Imbuto zombi zarameze kandi zigubwaho n'imvura imwe. Nk'uko Umucunguzi ari Jambo wagaraye yambaye umubiri, ni ko n'abacunguwe na we ari imbuto-Jambo zimukorera (Zab.22:31; Yes.53:10). Mwenedata Branham yarivugiy'ubwe ati: "**Ibidahuje n'Ijambo ry'Imana byose, ni imbuto y'umuvurungano**".

Nta kinyoma na kimwe gikomoka mu kuri (1Yoh.2:21). Uwitirira Imana nyakuri n'abahanuzi yohereje inyigisho z'ibinyoma tudashaka kwinjiramo hano, aba ari munsi y'imbaraga z'umwuka w'ikinyoma. William Branham yar'intumwa y'Imana. Ariko se ibyo yavuze nk'umuntu twabikoresh'iki? Ikintu cyose cyatuma umuntu ashyirwa hejuru kiba ari ugutuka Imana, kandi kiba ari ikizira imbere yayo. Abasenga Imana by'ukuri aho ari ho hose, bayisengera mu Kuri no mu Mwuka.

Umukozi wese watumwe n'Imana yigisha Ijambo ry'Imana gusa, ntabwo yigisha amagambo yavuzwe ayavanye mu mwanya wayo. Muri 2Timoteyo 4:2, Pawuro yategetse Timoteyo,

mugenzi we mu murimo kubwiriza Ijambo ryonyine. Hepfo gato yaranditse ati: "*kuko igihe kizaza aho abantu batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya bifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo; kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma*" (2Tim.4:3-4). Ibyo bihuje n'ibyavuzwe n'Umwami ubwe ati: "*Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu*" (Mat.15:9).

Abakozi b'Imana b'ukuri bose bigisha Ijambo kandi bagabura ibyokurya by'Umwuka bihuje n'ubushake bw'Imana (Yoh.4:34). Twe tubwiriza Yesu Kristo wabambwe n'Ubutumwa bwiza bwuzuye nk'imbaraga z'Imana (1Abakor.1:18), nk'uko mwenedata Branham n'intumwa na bo babibririje. Ubu, ubutumwa bw'iki gihe cyacu kigoye cyane kuruta ibindi bihe byose by'itorero byabayeho, buragera ku isi yose mu buryo busobanutse rwose. Ubu bigaragarira buri wese abasengera Imana mu Kuri no mu Mwuka ab'ari bo, cyangwa se abaca ku ruhande rw'Imana kubera ibitekerezo byabo n'amasengesho yabo, biri mu buyobe.

Kwizera no kumvira

"*Yesu Kristo Umwami wacu ni we watugiriye ubuntu kandi waduhaye kuba Intumwa,* ***kugira ngo mu mahanga yose habonek'abumvira Imana babiheshejwe no kwizera***…" (Abarom.1:5).

Mu bihe byose abantu bagombaga gutoranya niba bashaka kwizera cyangwa kubyanga ku bwo kutizera ibyo Umwami yabwiraga abagaragu be n'ibyo bavugaga babikuye kuri we. UKU NI KO UWITEKA AVUGA iracyafite agaciro kugez'uyu munsi: "*Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira y'uko <u>umuntu wese wemera uwo natumye</u>, ni jye aba yemeye, kandi unyemera aba yemey'Uwantumye" (Yoh.13:20).* Kandi: "*Mwibuke ijambo nababwiye nti: umugaragu ntaruta shebuja. Niba barandenganije, namwe bazabarenganya, niba baritondeye Ijambo ryanjye, n'ryanyu na ryo bazaryitondera (Yah.15:20)*. Iyo Imana ihamagaye umuntu, bijyana n'inshingano ikomeye cyane imbere yayo ku bijyanye n'Itorero.

Imana ishobora kwicuza kuba yararemye umuntu: "*Kandi Uwiteka abona ko ingeso z'abantu zari mbi cyane mu isi, kandi ko kwibwira kwose imitima yabo itekereza ari kubi gusa igihe cyose, Uwiteka yicuza yuko yaremye abantu mu isi, bimutera agahinda mu mutima*" (Itang.6:5+6). Ariko ntabwo Imana ishobora kwicuza umuhamagaro wayo: ku bijyanye n'umuhagaro, dusome mu Baroma 11:29: "*kuko Imana iticuza impano zayo n'imihamagaro yayo*"

Mu gitabo cyo Kuva ibice bya 3 na 4, tuhasanga umuhamagaro wa Mose, wabonekewe na Marayika w'Uwiteka mu gihuru cyak'umuriro. Icyakurikiyeho n'uko yashoboye kuvuga ati: "*Imana ya ba sogokuruza banyu yabantumyeho*" (Kuva 3:13). "*Mose arayisubiza ati: ariko ntibazanyemera, ntibazanyumvira, kuko bazambwira bati: Uwiteka ntiyakubonekeye*" (Kuva 4:1). Igihe cyose bijyana no kwizera kw'abatumweho babwirwa. "*Uwiteka ati:* ***kandi nibatakwemera****, ngo bemezwe n'ikimenyetso cya mbere,* ***bazemera icya kabiri***." (Kuva 4:8).

Mu myizerere myinshi n'amadini menshi, buri muntu agira icyo yizera. Ndetse na Satani arizera kandi agahinda umushyitsi (Yak.2:19). Nyamara mu bwami bw'Imana igihe cyose ikibazo kiba icyo kwizera ibyo Imana yavuze kandi yasezeranije koko –Mwenedata Branham na we, uwo Imana yabwiye ngo: "nushobora gutuma abantu bakwemera, kandi n'usenga ubikuye ku mutima/nta buryarya, nta burwayi na bumwe buzahagarara imbere y'isengesho ryawe, habe na Kanseri". Indirimbo: "Izere gusa, izere gusa; byose bishobokera Uwizeye" yajyaga iririmbwa igihe cyose mbere y'uko hakorwa igiterane cyo gusenger'abarwayi. Dusoma muri Matayo 13:58 ko Umwami wacu, ageze mu murwa yakuriyemo i Nazareti, atahakoreye ibitangaza byinshi abitewe no kutizera kwabo.

Kutizera ni cyo cyaha cya mbere, cyatangiriye mu ngobyi y'Edeni. Mwenedata Branham yakundaga kubivuga atitiriza. Reka ntange ingero z'ahantu hatatu hanyuranye yabivugiye mu myaka y'1953, 1956 n'1960.

"**Utubabarire icyaha cyo kutizera, ari cyo cyaha cy'inkomoko,** yongera ho ati**: O Mana, udufashe uyu mugoroba, dushobore kuba abiringirwa kandi twizere**" (9/05/1953, Jonesboro).

"Mureke mbibereke nkoresheje Ijambo rimwe. Igihe Satani yahuraga na Yesu bwa mbere, yamushidikanyagaho: gushidikanya gukomoka igihe cyose kuri Satani. Uko ni ko icyaha cya mbere cyaje. Ntabwo cyar'ikindi cyaha, byar'ugushidikanya. Gushidikanya ni cyo cyaha cy'inkomoko, ndetse nicyo cyaha ubwacyo.ntabwo ari ugusambana, ntabwo ar'ukunywa itabi, nta n'ubwo ugusinda ari cyo cyaha: izi ni ibuto z'icyaha" (22/07/1956, Shreveport).

**"Nimurebe nshuti zange, ntabwo imibereho iteye isoni ari cyo cyaha cy'inkomoko; ntabwo ar'ukunywa wisiki, s'ugusambana. Ibyo mubikora kuko mutizera. Ibyo ni ibimenyetso byo kutizera. Iyo mwizera by'ukuri, ntabwo mukora ibyo. Icyaha cy'inkomoko ni kimwe gusa: ni ukutizera. Ibyanditswe biravuga biti: "*Utizera azacirwaho iteka* (Mariko 16:16)" (10/01/1960, Tifton).

Nyuma y'ibibwirizwa ku bimenyetso, mu kwezi kwa gatatu 1963, mwenedata Branham yakomeje kugaruka kuri Eva watez'amatwi ibyo inzoka zavuze. Yakunze kubigereranya n'ibyanditswe mu Byahishuwe 22:18-19: "*ndahamiriza uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo nti:nihagira umuntu uzongēra kuri yo, Imana izamwongēraho ibyago byanditswe mur'iki gitabo. Kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no kuri rwa rurembo rwera byanditswe mur'iki gitabo*".

Satani yaje kuri Eva ari mu ishusho y'inzoka maze abiba muri we gushidikanya ku by'Uwiteka Imana yari yabwiye Adamu: "*Ese koko Imana yaravuze*…?" Wenda ashobora kuba yaranongereyeho ati: "Ese waramwiyumviye? Ese war'uhari?" Nuko Eva agwa munsi y'ububasha bwa Satani. Pawuro yaranditse ngo: "…*Ntabwo ari Adam washutswe, ahubwo umugore we niwe washutswe rwose, ahinduka umunyabicumuro*" (1Tim.2:14).

Ku bijyanye no kwizera, Umwami yaravuze ati: "*Ni cyo gitumye mbabwira yuko muzapfana ibyaha byanyu;* ***kuko mutizera ko ndi We, muzapfana ibyaha byanyu*****"** (Yoh.8:24).

Umwami amaze kuzuka, yacyashye abigishwa be kuber'ukutizera kwabo: "*Ubwanyuma, abonekera abigishwa be cumi n'umwe, bicaye bafungura; yabagaye ku bw'u****kutizera kwabo*** *n'ukunangira kw'imitima yabo, kuko batizeye abamubonye amaze kuzuka*" (Mariko 16:14).

Ukutizera ni cyo cyaha cy'inkomoko. Utizer'Imana ab'ayihinduye umubeshyi (abaroma 3:4). Dusoma imburo ikomeye mu Baheburayo 3:12, igira iti: "*Nuko benedata, mwirinde hatagira uwo muri mwe ugir'****umutima mubi utizera, umutera kwimura*** *Imana ihoraho*".

Ugusohoka kw'abana b'Isirayeri banyuze mu Nyanja itukura, ndetse no kugaburirwa manu mu butayu, byar'ibintu bihebuje: "*Kwizera ni ko kwatumye baca mu Nyanja itukura nk'abaca ku musozi. Abanyegiputa nabo babigerageje, bararengerwa*" (Abah.11:19). Ariko se, amaherezo ya benshi muri bo yabaye ayahe? "*Ariko abenshi muri bo, Imana ntiyabashimye, ni cyo cyatumye barimbukira mu butayu…Ibyo byababayeho kugira ngo bitubere akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe*" (1Abakor.10:5-11). Ni ngombwa ko buri muntu asoma 1Abakor.10:1-15, kugira ngo asuzume umutima-nama we. Ibyo bivugwa mu nca make mu Baheburayo 1:19 mu buryo bukurikira: "*Kandi tubona ko batashoboye kwinjira mo* (mu gihugu cy'isezerano) *kuko batizeye*".

Ikibanza ni ukwizera, kugakurikirwa no kumvira, ari ko gushimisha Imana. Kwizera ni ukunesha, na ho kutizera ni ukuneshwa. "*Kandi nk'uko kutumvira Imana kw'umuntu umwe kwazaniye benshi kuba abanyabyaha, ni ko no kumvira Imana kw'umwe kuzatera benshi kuba abakiranutsi*" (Abarom.5:19). Uwifuza kumenya birambuye ingaruka zo kutumvira ashobora gusoma Abaroma 11. Kwizera no kumvira biduhuza n'Imana, naho kutizera no kutumvira bikadutandukanya n'Imana. Kwizera Yesu Kristo bizana kumvira, naho kutamwizera byo bikazana kutumvira. "*Kandi kutumvira bisa n'icyaha cyo kuroga, kandi no kudakurwa ku ijambo bisa no kuramya ibishushanyo na terafimu…*" (1Sam.13:23).

Ubu noneho abizer'Imana by'ukuri baragaragara nk'uko Aburahamu yizeye Imana: "*…nk'uko byanditswe ngo: Nkugize sekuruza w'amahanga menshi. Ni we data imbere y'Iyo yizeye, ari yo Mana izura abapfuye, igahamagara ibitariho nk'aho biriho*" (Abarom.4:17; Itang.17:5). Ntabwo umuntu ashobora kwizera keretse ari Imana ivuganye na we ikoresheje Ijambo ryayo. Ugengwa no kutizera aba yerekana ko akiri munsi y'ububasha bw'umubi.

<u>Aburahamu yizey'Imana</u> (Abaroma 4:17): "*Umwe muri bo aramubwira ati: iki gihe cy'umwaka utaha, nzagagaruka ahuri, umugore wawe Sara azaba afite umwana w'umuhungu*" (Itang.18:10): kandi koko yahawe umwana yasezeranijwe. <u>Aburahamu yarumviye</u>: " *Iramubwira iti: jyana umwana wawe, umwana wawe w'ikinege, uw'ukunda, ujye mu gihugu cy'i Moriya, umutambire ku musozi ndibukubwire, abe igitambo cyoswa*" (Itang. 22:2). "*Kuko yibwiye yuko Imana ibasha ndetse no kuzura abapfuye, ni cyo cyatumye amugarurirwa nk'uzutse*" (Abah.11:19).

"*Mubonye y'uko kwizera kwafatanije n'imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n'imirimo ye*" (Yak.2:21-24).

Kuri Eva, ukutizera gutewe no gushidikanya kwakurikiwe no gushukwa, hakurikirahi ko Adamu yahuye n'umugore we Eva. Icyavuyemo, ni uko habonetse imbuto ebyiri ari zo Kayini na Abeli. Bombi barasengaga, bombi bizeraga Imana imwe, bombi bubatse igicaniro kandi bazana igitambo, ariko bari banyuranye cyane uhereye bakivuka. Imana yarebanye ubugwaneza Abeli n'igitambo cye cy'umwana w'intama, ariko yanga Kayini n'igitambo cye cy'imbuto zo mu murima (Itang. 4:1-8).

Abizer'ubutumwa bw'igihe bose bazi neza ibyabaye mu ngobyi y'Edeni. Nyamara ubu, ikibazo n'iby'iki gihe cyacu. Satani na none yazanye gushidikanya ku byo Imana yabwiye mwenedata Branham, y'uko ubutumwa yahawe ari bwo buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo. Satani yabibye ugushidikanya y'uko ubutumwa bw'igihe bwagombaga kujyanywa ku isi yose nyuma y'urupfu rwa mwenedata. Ibi byanditswe biratureba twe turih'ubu: "*Ubutumwa mwabwirijwe kandi mwumvise uhereye mbere na mbere, ni uko mukwiriye gukundana, ntimumere nka Kayini war'uw'umubi akica muruna we. Mbese icyatumye amwica n'iki? N'uko imirimo ye yari mbi naho iya murumuna we ikaba myiza*" (1Yoh.3:11-12). Urukundo rw'Imana ni wo murunga wo gutungana rwose (Abakol.3:14; 1Abakor.13).

Ugushimisha Imana kugomba kurang'abifuza kuzazamurwa bose, nk'uko byabaye kuri Henoki wagendanye n'Imana (Itang.5:24; Abaheb.11:5). Ntabwo itangiriro ari ryo rizambikwa ikamba, ahubwo n'iherezo (2Tim.4:8).

Yubire y'imyaka 500 y'ubugorozi

Guhera tariki 31/10/2016 kugeza tariki 31/10/2017, itorero ry'abaporoso ririzihiza yubire y'imyaka 500 y'ubugorozi bwatangijwe na Luteri. Iyo yubire ntabwo yizihizwa mu Budage gusa ahubwo ni ku isi yose. Ariko itorero gaturika na ryo ryifatanije n'ibyo birori: perezida w'inama y'abasenyeri bo mu Budage, Karidinari Reinhardn Marx, yumvikanye na perezida w'inama y'amatorero y'ivugabutumwa yo mu Budage (Eglises evangeliques d'Allemagne), Bwana Heinrich Bedford-Strohm, ko ayo matorero yombi azizihiza hamwe iyo yubire mu mihango inyuranye bazafatanya. Ngo ibyo ni byo bizerekana "ubumwe bwabo bwo kwizera". Ku rwego rw'isi, ibirori byo kwizihiza iyo yubire y'imyaka 500 byabereye ahitwa Lund na Malmo mu gihugu cya Suede – igihugu umuryango uhuza abaruteri ku isi yose washingiwemo mu myaka 70 ishize. Perezida w'uwo muryango, Umwepisikopi Munib Younan, yizihirije hamwe n'umukuru wa kiriziya gaturika iyo yubire muri sitade y'ahitwa Malmo, byitabirirwa n'abantu 10,000. Mu isengesho rya Papa Francois ry'ubufatanye bw'amadini (priere oeucumenique) ryabereye muri katedirari y'abaruteri iti ahitwa Lund, yavuze ijambo rigufi yatangije amagambo yo muri Yohana 15:4: "*Mugume muri jye nanjye nzaguma muri mwe."* Aho i Lund tariki 31/10/2016, papa Francois hamwe n'umwepisikopi Younan, na none bashyize umukono ku nyandiko ihamagarira abayoboke babo kunga ubumwe. Iyo nyandiko na yo yatangijwe amagambo yo muri Yohana 15:4: "*Mugume muri jye nanjye nzaguma muri mwe. Nk'uko ishami ridashobor'ubwaryo kwera imbuto ritagumye ku giti, uko ni ko namwe mutabishobora mutagumye muri jye*". Ibi birerekana ko biyunze kandi ko n'uruguma bari barakomerekanije ubwabo rwakize, bakaba bemeza ko ibibahuje birusha imbaraga ibibatandukanya. Impande zombi ziyemeje gukuraho inzitizi zose kugira ngo bashobore kugera ku bumwe bw'imyizerere (unité oeucumenique). Intego bihaye n'uko

bager'aho basangira ifunguro ryera! Batangaje ko bazashyira hamwe kugira ngo bakingurire umuryango "imbaraga z'Imana imwe mu butatu".

Ubumwe bufatika kandi bwuzuye bugomba kwerekanwa n'uko bazahuza ukarisitiya y'abagaturika n'ifunguro ryera ry'aba "Evangelique/evangelical". Nyamara ibyo byombi biratandukanye cyane, nk'uko bigaragara muri gatigisimu ya Heidelberg (ikoreshwa cyane mu matorero yavuguruwe/reformées).

Ikibazo cya 80 (cyo mur'iyo gatigisimu):

<u>Ikibazo</u>. 80: Ese har'itandukaniro ki hagati y'ifunguro ry'Umwami na misa ya papa? Ifunguro ryera riduhamiriza ko twakuweho ibyaha byacu byose n'igitambo kimwe cya Yesu Kristo, icyo we ubwe yatambye rimwe gusa ku musaraba (Abaheburayo 7:26; 9:12, 25-28; 10:10, 12:14; Yohana 19:30; Matayo 26-28; Luka 22:19s), kandi ko ku bw'Umwuka Wera twashyizwe muri Kristo (1Abakrinto 6:17; 10:16), ur'ubu mu ijuru n'umubiri we, iburyo bwa Se (Abaheburayo 1:3; 8:1s), akaba ari ho ashaka kuramirizwa (Yohana 4:21-24; 20:17; Luka 24:52; Ibyakozwe 7:55-56; Abakolosayi 3:1; Abafilipi 3:20s; 1Abatesalonika 1:10).

Naho misa yo, yigisha ko abazima n'abapfuye bakurwaho ibyaha no kubabazwa kwa Kristo, kandi ko Kristo abatambirwa buri munsi n'abapadiri basoma misa; kandi yigisha ko Kristo aba yibereye ubwe n'umubiri we muri ukarisitiya no muri vino, ko ari yo mpamvu abantu bagomba kumuramiriza mu misa. Nuko rero, misa si ikindi, ahubwo ni uguhakana ububasha bw'igitambo kimwe no kubabazwa rimwe gusa bihagije bya Yesu Kristo (Abaheburayo 9:6-10; 10:19-31). Misa rero ni ugusenga igishushanyo kandi bijyana n'umuvumo.

Ese abo bavugizi b' "abizera ivuga butumwa" (évangelique/evangelical) bizera koko ibyo Luteri yigishije? Ese haba har'umwe muri bo waba yarasomye amagambo Luteri yatangije igitabo cy'umuhanuzi Danyeri, muri bibiliya yacapishije mu mwaka w'1545? Ese haba hari n'umwe muri bo wasobanukiwe imyumvire y'Ijambo ry'ubuhanuzi n'uguhishurirwa Luteri yari afite?

Mu magambo yatangije icyo gitabo, yasobanuye neza iby'ubwami bune buvugwa mu gitabo cya Danyeri n'uko bwakurikiranye: ubwami bw'I Babuloni; ubwami bw'abamedi n'abaperesi; ubwami bw'abagiriki; n'ubwami bw'abaroma, bwatangiye mu mwaka wa 63 mbere yo kuvuka kwa Yesu.

Ubu inyandiko zose za kidini n'ibinyamakuru byose bisohoka buri munsi na buri cyumweru birandika inkuru zijyanye n'ubugorozi. Ese intego igamijwe s'uko amadini yose y'isi yung'ubumwe na Roma, wa mudugudu wubatswe ku misozi irindwi - Vatikani? Amasezerano y'i Roma ntiyashyiriweho umukono i Roma se, tariki 25/03/1957? Ese imitegekere mishya y'isi (le nuvel ordre mondial) yar'itegerejwe cyane yaba iri hafi cyane? Ibyo byose bigomba kuvugwa, kuko ar'ubuhanuzi bwa Bibiliya mu gusohozwa kwabwo. Tumaze kugera ku mpera z'ibihe, byose rero bigomba gusohora nk'uko byateganijwe ko bizaba mu gihe cya nyuma.

Mu isengesho yasengeye abigishwa be, ntabwo Umucunguzi yigeze asengera ubumwe bw'amatorero abiri cyangw'ubw'amadini yose, ahubwo yasengeye ubumwe bw'abacunguwe: "*Nabahaye Ijambo ryawe, kandi ab'isi barabanga kuko batari ab'isi, nk'uko nanjye ntar'uw'isi… - jyewe mbe muri bo nawe ube muri jye, - kugira ngo babe umwe*

rwose…" (Yoh. 17:14+23). Umwami niwe Muzabibu w'ukuri, naho abizera by'ukuri bose bavutse ubwa kabiri nibo mashami, abo ubugingo bw'Imana bugaragariramo nk'imbuto z'Umuzabibu. Ubumwe bw'abacunguwe bubonerwa muri Kristo, Umutware w'Itorero rimaze imyaka irenga 2000 ni Kristo, uherey'igihe ryashingiwe i Yerusaremu ku munsi wa Pentekote, nk'uko byanditswe mu Byakozwe n'intumwa 2. Itorero rya Reta mu bwami bw'i Roma rwo, ryashinzwe mu mwaka wa 325 nyuma yo kuvuka kwa Yesu, mu nama ya mbere yabereye ahitwa i Nikeya. Ubugorozi bwazanywe na Luteri, Zwingli, na Kalvini hamwe n'ababanjirije Wikliff na Husi, bwabaye intandaro y'ububyutse bwo mu mwuka. No mu bubyutse bwakurikiyeho: ubw'aba Metodisiti, Ababatisiti, hamwe n'ubw'Abapentekote mu gihe cyacu, aho hose ni Umwuka Wera na bwo wari ku murimo. Ntabwo abizera bihwanye na Bibiliya basubira i Roma cyangwa i Nikeya, ahubwo basubira i Yerusalemu. Bagarukira Imana n'Ijambo ryayo. Ubutumwa bwa nyuma bubwirizwa mbere y'uko Kristo agaruka, ni bwo buzagarura abizera ku myizerere y'umwimimere. Ubu turi mu gihe cy'umuhamagaro wo gusohoka, kugarurirwa no gutegurwa; dushobora kugira uruhare mu murimo Imana irimo gukora ubu, kandi dutegereje kugaruka kwa Kristo kuko kuri bugufi cyane.

Ukugaruka kw'Abayuda mu gihugu cyabo

Amateka y'ubwoko bw'Abayuda ni ay'imibabaro gusa. Abayuda bongeye kugira igihugu uhereye mu 1948, nyuma y'uko ihanga ryabo ritatanijwe ku isi yose kumara imyaka irenga 2000, hanze y'igihugu Imana yabahaye. Mu gihe cy'ibinyejana byinshi, Abayuda bakomeje gufatwa nk'abanyamahanga bake mu bihugu babaga barimo cyangwa nk'abantu bihariye bahujwe n'idini. Bagombaga kuba ahantu hazitiwe. Babimaga uburenganzira bwo gufatwa nk'ubwoko. Mu mwaka w'1897 ahitwa Bale, ubwo habaga inama ya mbere y'isi y'abifuzaga gusubira i Siyoni (sionistes) yateguwe n'uwitwa Theodor Herzl, bongeye kwita ihanga kandi basaba uburenganzira bwo kwongera kugira igihugu cyabo bwite.

Tariki 2/11/1917, minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'Ubwongereza witwa Lord Arthur James Balfour, yatangarije uwo mutwe w'abitwaga Abasiyonisiti/sionistes icyemezo cya Guverinoma ye, ko yifuzaga "gufasha Abayuda kugira aho baba nk'ihanga muri Palesitini". Mu mwaka w'1922, umuryango wa Loni washinze Ubwongereza kugenzura intara ya Palesitini yose. Tariki 29/11/1947, ni bwo Umuryango wa Loni wafashe icyemezo "ko intara ya Palesitini yagenzurwaga n'Ubwongereza igabanywa mo kabiri, ikavamo igihugu cy'abarabu n'gihugu cy'abayuda". Tariki 14/05/1948, nib wo Ben Gourion yatangarije ku mugaragaro ivuka ry'igihugu cya Isirayeri.

"Ubwo Isirayeri yavukaga bundi bushya, yar'ituwe n'abantu bagera kuri 806,000 gusa. Ubu nyuma y'imyaka 68, ubwo bizihizaga ubwigenge bwabo mu w'2016, bari bamaze gushyika 8,522,000, nk'uko bigaragazwa n'ikigo cy'ibarura cy'Isirayeri" (Israel Today, Juin 2016).

Imana yahaye Isirayeri amasezerano menshi, no ku bijyanye n'igihugu cy'isezerano. Yerusalemu ivugwa muri Bibiliya inshuro 780, naho umusozi Siyoni wo ukaba uvugwa mo inshuro 157, kandi aho hose bivugwa ku bijyanye n'ubuwoko bw'Isirayeri. Gutatana kwabo,

kimwe no kugaruka kwabo, nabyo byavuzwe mu buhanuzi bwa Bibiliya bitaraba. Imirongo ya Bibiliya ibivugaho n'iyi ikurikira:

"*Bamwe bazicwa n'inkota, abandi bajyanwe mu mahanga yose ar'imbohe, kandi i Yerusalemu hazasiribangwa n'abanyamahanga kugez'ubwo ibihe by'abanyamahanga bizarangirira*" (Luk 21:24).

"*Ndahiye Uwiteka uhoraho wazamuye urubyaro rw'inzu ya Isirayeri, akaruzana aruvanye mu gihugu cy'I Kasikazi no mu bihugu byose aho nari narabatatanirije. Nabo bazatura mu gihugu cyabo bwite*." (Yer.23:8).

"*… garuka wa mwari wa Isirayeri we, usubire muri iyi midugudu yawe*." (Yer.32:21).

"*Nzabakoranya mbavane mu mahanga, kandi mbateranirize hamwe mbakuye mu bihugu aho mwari mwaratataniye, maze mbahe igihugu cya Isirayeri*". (Ezek.11:17).

"*Nuko nzabavana mu mahanga, mbakoranirize hamwe mbakuye mu bihugu byose, maze nzabageza mu gihugu cyanyu bwite*" (Ezek.36:24).

"*Nuko Umwami Imana namara gusohoza ibyo yagambiriye byose ku musozi wa Siyoni n'i Yerusalemu …*" (Yes.10:12).

"*Nuko ukwezi kuzakorwa n'isoni n'izuba rizamwara, kuko Uwiteka Nyiringabo azategekera ku musozi wa Siyoni n'i Yerusalemu, kandi azahabw'icyubahiro imbere y'abatware be bakuru*" (Yes.24:23).

Nk'uko byanditswe muri Hoseya 9:10, igiti cy'umutini kigereranywa na Isirayeri: "*Mu gihe nabonaga Isirayeri yari imeze nk'inzabibu zo mu kidaturwa, ba sogokuruza nababonye nk'imbuto z'umutini*…".

"*Murebere ku mutini ni wo cyitegererezo: ishami ryawo iyo ritoshye ibibabi bikamera, mumenya y'uko igihe cy'impeshyi kiri bugufi*" (Mat.24:32; Mariko 13:28).

Turibonera n'amaso yacu ko ibi birimo gusohorera kuri Isirayeri.

Urwandiko rwa Balfour rwinjiye mu mateka rwitwa "Itangazo rya Balfour" kandi ni ryo ryabaye ishingiro ryo kuvuka kw'Igihugu cy'Isirayeri. Abayobozi ba Palesitini I Ramala bamaze gutangaza ko bagiye kurwanya itangazo rya Balfour bivuye inyuma, uhereye tariki 2/11/2016 ukazageza ku isabukuru yaryo y'imyaka 100 izaba tariki 2/11/2017. Barashaka kuzabitsindira mu buryo bw'amategeko no gusabo indishyi y'akababaro igihugu cy'Ubwongereza.

Twe twizera ko ari Imana yagaruye ubwoko bwayo mu gihugu cy'isezerano, kugira ngo ishobore gusohoza umugambi wayo wo mu bihe bya nyuma. Ikirego cy'umutwe ushingiye ku bwoko wavutse mu w'1968 (ni ukuvuga imyaka 51 nyuma y'Itangazo rya Balfour) ntacyo kizabihinduraho.

Imana yatangaje ko izacira urubanza amahanga yose azahagurukira kurwanya Isirayeri: "*Nzateranya amahanga yose, nzayamanura mu kibaya cya Yehoshafati; aho ni ho nzayacira urubanza, kubera ubwoko bwanjye, Isirayeri, umurage wanjye batatanije mu mahanga, n'igihugu cyanjye bigabanije*" (Yoweri 3:2).

Icyemezo giherutse cya UNESCO, kivuga ko umusozi w'urusengero ari "*gakondo y'aba palesitini/abafilisitiya" ngo naho Isirayeri yo ikaba "yarahagaruje igitugu*", icyo cyemezo kiragaragaza ukuntu abantu bashobora kuba impumyi bene ako; kagene. Umusozi w'urusengero wabanje kwitwa mu Isezerano rya cyera, umusozi Moriya (Itang.22:2), hanyuma waje kwitwa umurima wa Orunani, w'Umuyebusi. Dawidi yaguze uwo musozi wose Shekeri 600 za zahabu (1Ibyo ku Ngoma 21:25) maze aratangaza ati "*Aha ni ho hazaba inzu y'Uwiteka Imana, kandi aha ni ho hazaba igicaniro cyoserezwaho ibitambo by'abana b'Isirayeri*". (1Ibyo ku Ngoma 22:1). Aho ni ho hubatswe urusengero rwa kabiri kugez'ubwo abaroma barusenyaga mu mwaka wa 70 nyuma ya Kristo.

Isezerano ko urusengero rwa gatatu ruzongera kwubakwa kuri rwa rufatiro, aho urwa mbere n'urwa kabiri zari zubatse, nta kabuza rizasohora, kuko mu Byahishuwe 11:2, ku bijyanye n'ubukozi bwa ba bahanuzi babiri, urusengero rushya ruzapimwa.

Turi mu gihe ubuhanuzi bwa Bibiliya burimo gusohorera mu maso yacu, n'ubw'ab'isi baba btabibona. Hahirwa uzamenya ibimenyetso by'ibihe – ibihe bya nyuma!

Imana ni iyo kwiringirwa mu byo ikora byose

Ubukozi bwa mwenedata Branham bwabaye ubw'ingirakamaro cyane mu mateka y'agakiza ku bw'Itorero rya Yesu Kristo. Yoherejwe afite ubutumwa, nk'umuhanuzi wasezeranijwe (Maraki 3:23-24), nk'uko Umwami wacu yabisezeranije muri Matayo 17:11 no muri Mariko 9:12: "*Arabasubiza ati: ni koko Eliya niwe ukwiriye kubanza kuza ngo atunganye byose*". Ubukozi bwa Eliya ntabwo bwari amagambo gusa, bwabayeho koko. Yateranirije ubwoko bw'Isirayeri ku musozi Karumeri, asanisha amabuye 12 igicaniro cyari cyarasenywe, arangije ashyiraho igitambo. Nuko arasenga, maze Imana isubiza mu buryo bugaragara, imitima y'abana ba Isirayeri igarurirwa Imana (1Abami 18:21-40).

Amatwi yanjye n'amaso yanjye byiyumviye kandi byiboneye ubukozi ndengakamere Imana yahaye mwenedata Branham. Umwami Nyir'ukwiringirwa yacyuye umugaragu we, ariko ubutumwa bushingiye kuri Bibiliya bwo, bwakomeje kubwirizwa. Kuba Imana yarampaye umurimo ku bijyanye n'ibyo, nta ruhare nabigizemo. Nta nubwo nigezwe mbazwa niba narabishakaga.

Nshobora gusubiza amaso inyuma ku mwaka ushize w'umunyamugisha nuzuye ishimwe ry'uko nakoreye Umwami. Imana ni iyo kwiringirwa. Yangiriy'ubuntu impa n'imbaraga zo kubwiriza Ijambo ryayo ku isi yose. Nibyo, Imana yahamirije umurimo wayo kandi abizera bose barabishimira Imana. Umwami yavuze neza ko azohereza inzara n'inyota byo kumva Ijambo rye (Amos.8:11). Tariki 19/09/1976, Umwami ubwe ni we wantegetse ati: "**Mugaragu wanjye, nagutoranije bishingiye kuri Matayo 24:45-47, kugira ngo**

ukwirakwize ibyokurya.” Iri Jambo rirasohorera mu maso yacu kandi ubu ameza y’Umwami yuzuye amafunguro kurenza ibindi bihe byose byabayeho.

Amagambo mwenedata Branham yabwiwe n’ijwi ryavugiye mu gicu ndengakamere cyari hejuru ye ngo: “Nk’uko Yohana Mubatiza yoherejwe kugira ngo abanzirize kuza kwa mbere kwa Kristo, uko ni ko nawe uzoherezwa ufite ubutumwa buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo”, arimo gusohora. Umwami Nyir’ukwiringirwa arimo kugarura byose akoresheje ubutumwa.

Inyigisho y’intumwa 12 yarongeye irigishwa (Ibyak.2:42). Nk’uko ubutumwa bwabonye umwanya wabwo rwose mu Ijambo, uku ni ko n’abizera by’ukuri bemera kwinjizwa mu Ijambo, kugeza ubo byose bizaba byamaze gutunganywa rwose mu Itorero ry’Umwami, nk’uko byari bimeze mu Itorero rya mbere. Hasigaye igihe gito Umukwe wo mu ijuru akaza gutwara Umugeni we kugira ngo abane na we.

Ku bw’ubuntu bw’Imana, nakomeje kuba umwiringirwa ku muhamagaro nahamagariwe, ntitaye ku bukana n’ubugome bw’ibyo nabeshyerwaga, ndetse n’ibigeragezo bikomeye mu buzima bwanjye bwite. Ibyo Uwiteka yavuze muri Yesaya 54:17, ku bo yatumye, biracyafite ireme: “*Ariko nta ntwaro bacuriye kukurwanya izagira icyo igutwara, kandi ururimi rwose ruzahagurukira kukuburanya uzarutsinda, ibyo ni byo murage w’abagaragu b’Uwiteka, kandi uko ni ko gukiranuka kwabo guturuka kuri Jye, ni ko Uwiteka avuga*”.

Ntabwo nkeneye kugira ijambo na rimwe mvuguruza mu magambo yose nigishije mu bibwirizwa birenga 8,000, cyangwa mu byo nanditse mu bitabo no mu nzandiko zizenguruka. Ndashimira mbikuye ku mutima benedata bafatanya nanjye gukwirakwiza ibyokurya by’umwuka. Mbega Amahirwe yo kumenya ko turi mu gahe ka nyuma kabanziriza kugaruka kwa Kristo! Kuba twarashyize imbaraga zacu zose mu murimo, amanywa n’ijoro, ntabwo byapfuye ubusa (Abafil.2:16).

Isengesho ryanjye n’uko hatagira upfusha ubusa iki gihe cy’igiciro, ngo abure kwiyunga n’Imana na mugenzi we. Turacyari mu munsi w’ubuntu, kandi umuntu wese ashobora kuza ku Mana no kwegurira ubugingo bwe umucunguzi. Ukubabarirwa kw’ibyaha kuracyabwirizwa, nk’uko Umwami yabitegetse intumwa ze. Haracyariho abantu bagihindukirira Umwami bakabatizwa umubatizo wa Bibiliya.

Icyampa agahe ka nyuma kakaba umwaka w’ubuntu, yubire, mu bizera by’ukuri bose (Abarewi 25:8-13).



Iyi foto yafashwe ku wa mbere, tariki 15/08/2016. Inyuma haragaragara ikarita y'isi iriho utudomo ku bihugu byinshi namaze kubwirizamo. Imyaka ibaye 61, ni ukuvuga uhereye ku wa mbere, tariki 15/08/1955, umunsi nahaye mwenedata Branham umukono bwa mbere, ubwo yari arangije amateraniro ye abiri ya mbere. Imyaka 51 irashize uhereye igihe yatahiye. Mur'iyo myaka yose, jye ubwanjye nakoze ingendo njyana ubutumwa bwa nyuma mu bihugu 160. Binyuze no muri porogaramu nyinshi zicishwa ku ma terevisiyo ndetse n'abashobora gukurikira kuri interineti amateraniro tugirira mu kigo cy'ivugabutumwa cy'i Kirefelidi, buri cy'umweru cya mbere cy'ukwezi, bidushoboza kugera ku bihumbi byinshi by'abizera mu migabane yose y'isi. Iruhande rw'ibyo kandi, DVD zirenga 8.200 na CD 1.150 byoherezwa buri kwezi. Umubare w'udutabo tw'ibibwirizwa n'inzandiko zizenguruka twohereza buri mwaka birenga ibihubi amagana menshi.

Ubutumwa bwiza bwuzuye bwabwirijwe amahanga yose kugira ngo bubabere gihamya; uko ni ko ibyanditswe muri Matayo 24:14,kandi birimo gusohoro. Ubu rero, imperuka ishobora kuba kandi izaba, ariko nta muntu uzi umunsi cyangwa isaha. Nshobora kuvugan'ishimwe nti: Mwami Nyir'ukwiringirwa, reka noneho umugaragu wawe yigendere amahoro, kuko amaso yanjye yiboneye ugusohora kw'isezerano ryawe ryo mur'iki gihe".

Umwami ubwe niwe uzasozereza umurimo We hamwe n'Itorero mugeni, azarijyana nk'Umukwe maze aryishyikirize nta kizinga cyangwa umunkanyari (Abef.5:27).

Urukundo rutunganye rwose rujyana no kwizera kuzima guhamanya na buri Jambo ry'Imana, ni rwo rwonyine ruzinjira mu bwiza bw'Imana. Ku bw'intore zizera zose, buri sezerano ry'Imana ni Yee, kandi ni Amina, kandi nta kabuza rigomba gusohora.

"*Ariko Imana ishimwe kuko ihora iturangaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwirakwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya!*" (2Abakor.2:14).

Umugisha w’Imana Ishobora byose uze ku bizera Ijambo ry’Imana bose.

Ndashimira mbivanye ku mutima abanyibuka mu masengesho bose kubera uyu murimo w’ivugabutumwa ku isi yose. Ku bawushyigikira n’impano zabo, Imana izabihembere bur’umwe muri bo. Ndashaka no gushimira abakora hano mu kigo cy’ivugabutumwa. Koko, Imana ihe umugisha ababwiriza Ijambo ry’agaciro ry’Imana mu bihungu byinshi.

Ndangiza, ndifuza gushimira benedata bakorera Imana hano mu itorero ry’i Kirefelidi. Imana ihe umugisha abakunda kuza kwe bose. Amina.

Ku bw’umwaka w’2017, tubifurije mwese tubivanye ku mutima imigisha ifatika ivuye ku Mana, mu mirwa yose no mu bihugu byose. Twese hamwe, twubure amaso, kuko tuzi neza ko gucungurwa kw’imibiri yacu kwegereje. Maranata!

Ukora abitegetswe n’Imana,



Ibyaranze umwaka w'2016

Mur'uyu mwaka nawo, ingendo z'ivugabutumwa zarakomeje ku bw'ubuntu bw'Imana. Zabaye mu mpande zose zo ku isi: mu birwa bya Acores, muri Filipine, Etuyopiya, Mozambike, Afurika y'Epfo, Zimbabwe, Benin, Burkina faso, Nigeria, Pakistani, Guadelupe, Rumaniya, Ubufaransa, Ububirigi, Ubwongereza, na Zurich buri cyumweru cya nyuma cy'ukwezi.



Muri Pakisitani, ubutumire mu materaniro bwacishijwe kuri tereviziyo y'igihugu. I Lahore, haje abantu 3000 muri sitade kumva Ijambo ry'Imana mu kanwa k'umuvugabutumwa w'umudage. Mwenedata Kamram Michael, Minisitiri w'Uburenganzira bwa muntu muri guverinoma ya Pakisitani yashuhuje abari baje kumva ubutumwa, naho mwenedata Irfan Michael niwe wari umusemuzi.

Figure 1 Iyi foto irerekana amateraniro ya kabiri yabereye mu itorero rimwe i Lahore, Pakistani

Figure 2. Amateraniro yabereye mu kigo cy'ivugabutumwa i Kirefelidi, tariki 4/12/2016

Mwami mukundwa,

wibuke isezerano wagiranye natwe,

n'amaraso wanennye ku bwacu,

n'amasezerano waduhaye,

kandi ku bw'ubuntu bwawe, uhe abaragwa bawe ubugingo bwawe buhoraho.

Niba mukeneye kohererezwa udutabo twandika (brochures), mushobora kutwandikira mubisaba ahakurikira:

Mission Center of the Spoken Word
B.P 3325 Kigali - Rwanda
Telephone: +250 788467723, +250 788415835

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa interineti: ku wa gatandatu saa moya n'igice nimugoroba, no ku cyumweru saa ine za mugitondo. Ayo materaniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 13 zinyuranye.

Nimugire uruhare mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza!

Page web: http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news

E-mail: volksmission@gmx.de ou
E.Frank@freie-volksmission.de

Fax: 0049-2151/951293

****